# UMWAKA 2013

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Umunyeshuri |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

**AMAZINA Y'UMUNYESHURI**

IZINA RYAWE BWITE: ____________________________________________

ANDI MAZINA YAWE: ____________________________________________

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE BIGOMBA KUGARAGARA NK'UKO BYANDITSWE KURI "REGISTRATION FORM"

## IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA
## UMWAKA WA GATANDATU 2013

**Igihe kimara: amasaha abiri**

**INTARE ZARAKENDEREYE MURI PARIKI ZO MU RWANDA**

*Ibikorwa bya muntu ni kimwe mu bitera igabanuka cyangwa izimira ry'inyamaswa zo mu gasozi. Intare nizimwe mu bivugwaho kuba byaragezweho n'ingaruka zabyo nk'ubuhinzi, ubuhigi, intambara n'ubushimusi.*

Kuva muri 2005 intare ziri mu nyamaswa zitakigaragara muri Parike y'Akagera n'ubwo hagaragara abantu zaba zaranyuze. Nk'uko bitangazwa na NGOGA Telesphore umukozi muri RDB ushinzwe kubungabunga parike z'igihugu, yadutangarije impamvu yaba yaratumye intare zizimira mu Kagera agire ati: "intare zo mu Rwanda zatangiye kugabanuka ahagana muri 1994 mu ntambara no muri jenoside yakorewe abatutsi na nyuma yahoo. Nyuma ya jenoside, abaturage batahutse, batujwe muri bibiri bya gatatu (2/3) bya parike y'Akagera, bityo bagombaga guhangana n'intare bazibuza kurya amatungo yabo."

Uretse kuba intare ari kimwe mu nyamaswa zikurura ba mukerarugendo, zigira n'uruhare rukomeye mu iringaniza ry'indyarwatsi; kuko uko zihiga ndetse zikanarya izo nyamaswa ndyarwatsi, bituma umubare wazo utagwira cyane kuko nazo zaba zibaye ikibazo ku bidukikije. Ku rundi ruhande intare nazo zigomba kuba ziringaniye ku buryo zitazamara indyarwatsi. Uhagarariye ishami rishinzwe kubungabunga parike, avuga ko bafite gahunda yo kugarura intare muri parike z'igihugu, ndetse yongeyeho ko barimo kwiga ahantu bakura intare zakwisanga mu kirere cy'u Rwanda. Aha izivugwa cyane ni izo mu mikenke yo muri Kenya, Tanzaniya n'Afurika y'Epfo. Ibi ngo bigomba kwitonderwa cyane kuko kimwe n'abantu, nta ntare ibyarana n'iyo bivuka kun gore imwe. Iri garurwa ryazo rikaba rishobora kuzashyirwa mu bikorwa umwaka utaha kuko ubu bari kwibanda ku ruzitiro rwa parike mu rwego rwo kurinda inyamaswa zitoroka zikayirenga.

Izindi nyamaswa ziri mu kaga uretse intare zazimiye, ni ingagi zo mu birunga ndetse n'imisambi. Telesphore Ngoga atangaza ko uretse Ibiza, bokora uko bashoboye kose ngo bazirinde. Mu rwego rwo kuzirinda, bakora uko bashoboye bakamenyesha abaturage akamaro k'inyamaswa zo ku gasozi, bakora ibiganiro kuri radiyo zitandukanye. Bagerageza no gukoresha ku mafaranga ava mu bukerarugendo mu bikorwa rusange bifitiye abaturageakamaro; nko kubaka amashuri cyangwa amavuriro. Bityo abaturage bitabira kuzitaho no kuzirinda kuko baba bibonera ko zibafitiye akamaro.

## IGICE CYA MBERE: UMWANDIKO N'IMITERERE Y'URURIMI

### I. KUMVA UMWANDIKO (amanota 17)

1. Vuga ibikorwa bine (4) bya muntu bigira uruhare mu igabanuka cyangwa izimira ry'inyamaswa.

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

2. Ngoga uvugwa mu mwandiko ashinzwe iki? Akora mu kihe kigo? (amanota 2)

______________________________________________

______________________________________________

3. Vuga imimaro ibiri (2) y'intare ivugwa muri uyu mwandiko. (amanota 2)

______________________________________________

______________________________________________

4. Ni iki giteganywa gukorwa kugira ngo intare zongere kuboneka muri Pariki y'Akagera? Ni iyihe mbogamizi ihari kugira ngo bishyirwe mu bikorwa? (amanota 2)

______________________________________________

______________________________________________

5. Usibye Pariki y'Akagera, vuga izindi Pariki ebyiri dusanga mu Rwanda. (amanota 2)

______________________________________________

______________________________________________

6. Subiza **"nibyo"** cyangwa **"sibyo"** ukurikije ibivugwa mu mwandiko. (amanota 5)

a. Intare ntizigira uruhare mu kuringaniza indyarwatsi.

[ ]

b. Imisambi nayo iri mu kaga kimwe n'intare.

[ ]

c. Imbogo zahunze amasasu y'intambara yo muri 1990-1994 yabaye mu Rwanda.

[ ]

d. Ibikorwa byacu bya buri munsi bituma habaho iyangirika ry'ibidukikije.

[ ]

e. Intare zizazanwa mu Rwanda zizakurwa muri Uganda.

[ ]

### II. INYUNGURAMAGAMBO (Amanota 14)

7. Uzurisha buri nteruro ijambo cyangwa amagambo uhisemo muri aya: akamaro, abahigi, amashyamba, intare, abatabizi. (amanota 5)

a. Umuntu w'umugome cyane bavuga ko ari ______________

b. ______________ afitiye abaurage bose ______________ kanini.

c. Babivuze ukuri ngo ______________ bicwa no kutabimenya.

d. ______________ nabo batuma inyamaswa zigabanuka mu mapariki.

8. Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko. (amanota 5)

a. Intare ni imwe mu nyamaswa (zizana) ba mukerarugendo.

**zizana:** ______________________________

b. Inyamaswa z'indyanyama zigomba kuba (zidakabije ubwinshi) ku buryo (zitazatsemba) indyabyatsi.

**zidakabijeubwinshi:** ____________________

**zitazatsemba:** ____________________

c. Ni ngombwa gutabara inyamaswa ziri mu (byago) ngo zidashiraho.

**ibyago:** ____________________

d. Harashakishwa aho (bavana) intare zo kuziba icyuho.

**bavana:** ____________________

9. Andika imbusane z'amagambo ari mu dukubo: (amanota 4)

a. Mu (ntambara) ibintu (byinshi) birangirika.

**intambara≠** ____________________

**byinshi≠** ____________________

b. Umunyeshuri w'(umunebwe) yiga (bimugoye)

**umunebwe≠** ____________________

**bimugoye≠** ____________________

## III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (Amanota 10)

10. Uzuza iyi migani y'imigenurano. (amanota 5)

a. Agahwa kari ku wundi ____________________

b. Gira so ____________________

c. ____________________ ni akarenge.

d. Abajya inama ____________________

e. ____________________ ni impongo.

11. Subiza ibisakuzo bikurikira: (amanota 5)

a. Abana b'iwacu bicaye ku ntebe imwe:

____________________

b. Akayuriyuri ka ntibazirikana inshuti y'urupfu.

____________________

c. Nagutera amazi atemba ajya ruguru.

____________________

d. Nagutera ikigira izinakitagira ibara.

____________________

e. Sogokuru aryoha aboze.

____________________

## IV. IKESHAMVUGO (amanota 7)

12. Uhereye ku mwandiko n'ubumenyi bwawe bw'ururimi, uzuza ukoresheje amagambo asobanura kimwe n'ayatanzwe: (amanota 7)

a. Intare bayita kandi ____________________ cyangwa ____________________ naho impyisi ikitwa ____________________

b. Amata y'ihene ni ____________________ cyangwa ____________________

c. Amabere y'imbwa yitwa ____________________

d. Ntibavuga imfizi y'ihene bavuga ____________________ y'ihene.

## V. IKIBONEZAMVUGO (amanota 28)

13. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo. (amanota 7)

a. Izindi nyamaswa ziri mu kaga ni ingagi n'imisambi.

**izindi:** ______________________________

**mu:** ______________________________

b. Mu rwego rwokuzirinda bakora uko bashoboye kose.

**rwo:** ______________________________

**kuzirinda:** ______________________________

**bashoboye:** ______________________________

c. Icyo gihe intare zari nyinshi mu Kagera.

**nyinshi:** ______________________________

**Kagera:** ______________________________

14. Garagaza uturemajambo tw'amagambo akurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe: (6)

a. **Imbogo:** ______________________________

b. **Inzobe:** ______________________________

c. **Induru:** ______________________________

15. Andika inteko z'aya mazina aciyeho akarongo: (amanota 7)

a. Intare zahunze amasasu n'imirwano mu gihe cy'intambara.

**intare:** ______________________________

**amasasu:** ______________________________

**gihe:** ______________________________

b. Ingagi zo mu birunga nazo ziri mu kaga gakomeye.

**birunga:** ______________________________

**kaga:** ______________________________

c. Impamvu yatumye intare zigabanuka ni umutekano muke wazo.

**impamvu:** ______________________________

**umutekano:** ______________________________

16. Shyira iyi nteruro mu mpitagihe no mu nzagihe: (amanota 3)

Intare zirya inyama.

Impitagihe: ______________________________

Inzagihe: ______________________________

17. Shyira ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira:

a. Intare = ______________________________

b. Umugano = ______________________________

c. Ibyago = ______________________________

d. Umuvuzi = ______________________________

e. Ibyatsi = ______________________________

**VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA** (amanota 9)

18. Kosora izi nteruro aho zanditse nabi: (amanota 6)

a. ngiye kureba kagabo i muhira tujyane kw'isoko.

______________________________________________

b. Nasanze namwe mumeze nka twe twese.

______________________________________________

19. Andika amagambo atatu (3) arimo igihekane "ntya": (amanota 3)

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

**IGICE CYA KABIRI: IHANGAMWANDIKO** (amanota 15)

20. Andikira umuyobozi w'Ikigo cy'Amashuri wigaho ibaruwa, umushimira ko ari umwe mu batumye urangiza amashuri abanza.

Icyitonderwa: Wandike mu mazina ya Rukundo Mutahira wiga ku kigo cy'Amashuri Abanza cya Kagera.